REPUBULIKA Y'U RWANDA

Karongi, 14/01/2021
No. 205/07.03/01

INTARA Y'IBURENGERAZUBA
Karongi Pension Plazza, 1st and 4th Floor
E-mail: westernprovince@westernprovince.gov.rw
**B.P. 62 KIBUYE**

Bwana Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi
**KARONGI**

**Impamvu**: Imyanzuro y'inama y'Inama Njyanama y'Akarere yateranye ku wa 30/12/2020

Bwana Muyobozi,

Nkwandikiye ngushimira raporo ikubiyemo imyanzuro y'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi yateranye mu nama isanzwe yo ku wa 30/12/2020 wanyohereje ku mugereka w'ibaruwa N° 01/CC/03/0301 yo ku wa 11/01/2021, ikaba yarangezeho ku wa 12/01/2021;

Ku mwanzuro urebana no gusonera ADEPR umusoro ku butaka, ndabamenyesha ko hashingiwe ku ngingo ya 12 y'Itegeko N°75/2018 ryo ku wa 07/08/2018 rigena inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'imitegekere y'igihugu zegerejwe abaturage, insengero zitagaragara mu bisonewe, bityo impamvu yo kuba ari urusengero ikaba itatuma basonerwa guhera igihe iri itegeko ryatangiye kubahirizwa.

Indi myanzuro yafashwe ntagize icyo mvugaho ishyirwe mu bikorwa.

Ugire amahoro.

**MUNYANTWALI Alphonse**
Guverineri w'Intara y'Iburengerazuba

**Bimenyeshejwe:**
-Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
**KIGALI**
-MadamuUmunyamabanga Nshingwabikorwa w'Intara y'Iburengerazuba
-Madamu Umuyobozi w'Akarere ka Karongi
**KARONGI**

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

Karongi, kuwa 11/01/2021
N°..01../CC/03/0301

**INTARA Y'IBURENGERAZUBA**
**INAMA NJYANAMA**
**AKARERE KA KARONGI**
**E-mail:** karongidistrict@karongi.gov.rw
**B.P 23 KIBUYE**

**Nyakubahwa Guverineri w'Intara y'Iburengerazuba**

**Impamvu**: Kohereza imyanzuro y'inama isanzwe
y'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi

Nyakubahwa Guverineri,

Nejejwe no kubandikira iyi baruwa ngira ngo mbagezeho ku mugereka wayo, imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka KARONGI yateranye ku wa gatatu tariki ya 30/12/2020.

Mugire amahoro.

**MUTANGANA Frederic**
Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka KARONGI

**Bimenyeshejwe:**
- Nyakubahwa Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu **KIGALI**
- Madamu Umuyobozi w'Akarere ka **KARONGI**

cl

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

Karongi, kuwa 11/01/2021
N°..01../CC/03/0301

WESTERN PROVINCE
12 JAN 2021
RECEIVED BY..........

**INTARA Y'IBURENGERAZUBA**
**INAMA NJYANAMA**
**AKARERE KA KARONGI**
**E-mail:** karongidistrict@karongi.gov.rw
**<u>B.P 23 KIBUYE</u>**

**Nyakubahwa Guverineri w'Intara y'Iburengerazuba**

**Impamvu**: Kohereza imyanzuro y'inama isanzwe
y'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi

Nyakubahwa Guverineri,

Nejejwe no kubandikira iyi baruwa ngira ngo mbagezeho ku mugereka wayo, imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka KARONGI yateranye ku wa gatatu tariki ya 30/12/2020.

Mugire amahoro.

**MUTANGANA Frederic**
Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka KARONGI

**Bimenyeshejwe:**
- Nyakubahwa Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu **KIGALI**
- Madamu Umuyobozi w'Akarere ka **KARONGI**

## IMYANZURO Y'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KARONGI YO KUWA 30/12/2020

Kuwa gatatu tariki 30/12/2020, inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi yateranye ku buryo bw'ikoranabuhanga (webex meeting), itangira saa yine (10H00) yitabirwa n'Abajyanama 27/27; Iyoborwa n'Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere, **Bwana MUTANGANA Frederic.**

**Ku murongo w'ibyigwa hari:**

1. Kurebera hamwe ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 10/10/2020;
2. Kugaragarizwa ibikorwa bya za komisiyo;
3. Kugaragarizwa aho imihigo y' umwaka wa 2020-2021 igeze ishyirwa mu bikorwa;
4. Kwemeza umugenzuzi w'Akarere ( internal auditor) **Bwana MUNYANDAMUTSA RUCUCU Sunny**;
5. Kwemeza amabwiriza ajyanye no kwirinda Covid 19;
6. Ibindi .

Nyuma yo kuganira kuri izi ngingo, Abajyanama bafashe imyanzuro ikurikira:

| No | INGINGO ZAGANIRIWEHO | UMWANZURO | UWO BIREBA | IGIHE BIZABA BYAKOREWE |
|---|---|---|---|---|
| 01 | Kurebera hamwe ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa | 1.Nyuma yo gusuzuma raporo y'ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 10/10/2020.Inama, Njyanama yasanze hari imyanzuro itarashyiwa mu bikorwa isaba ko yashyirwa mu bikorwa, ariyo umwanzuro wa 2, 3, 6, 7, 9 n'umwanzuro wa 12. | Komite Nyobozi | -umwanzuro wa 2 n'uwa 6, bitarenze mu ngengo y'imari |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | 10/10/2020; | | | 2021-2022 naho umwanzuro wa 3 , 7, 9, 12 bitarenze 15/01/2021. |
| **02** | Kugaragarizwa ibikorwa bya za komisiyo | 2.Nyuma yo gusuzuma ubusabe bwa Komite Nyobozi y'Akarere yo yateranye kuwa 28/10/2020 igasaba Inama Njyanama kwemeza imishinga nk'ibikorwa biri mu nyungu rusange, Inama Njyanama ishingiye ku biteganywa n'itegeko N0 23/2015 ryo ku wa 11/6/2015 ryerekeye iyimurwa ry'abantu ku mpamvu z'inyungu rusange, yemeje ko iyi mishanga ikurikira iri mu nyungu rusange, bityo abaturage bagahabwa ingurane ikwiye mbere y'uko ubutaka bukoreshwa:<br>➢ Umushinga wo kubaka ikusanyirizo ry'amata mu Murenge wa Mubuga, Akagari ka Ryaruhanga, Umudugudu wa Mubuga;<br>➢ Umushinga wo kubaka umuhanda uzajya ahazubakwa ishuri ry'imyuga(TVET) mu Murenge wa Mubuga, Akagari ka Ryaruhanga, Umudugudu wa Kizibaziba;<br>➢ Umushinga wo gusana no kwagura umuyoboro w'amazi wa Kigwene mu Murenge wa Murundi na Nyamirondogoro mu Murenge wa Murambi;<br>➢ Umushinga wo kubaka agasoko (selling point) mu Murenge wa Bwishyura, Akagari ka Nyarusazi, Umudugudu wa Bupfune;<br>➢ Umushinga wo kubaka umuyoboro w'amashanyarazi ujya kuri Centre de Santé ya Rugabano;<br>➢ Umushinga wo gusana no kwagura umuyoboro w'amazi ya Gatugunguru ya mbere mu Mirenge ya Bwishyura na Rubengera;<br>➢ Umushinga wo gusana no kwagura imiyoboro y'amazi ya Mukura ya | Komite Nyobozi | Bitarenze umwaka w'ingengo y'imari wa 2021-2022. |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | | kabiri - Rugabano na Mikamo mu Murenge wa Rrugabano, Akagari ka Gitega;<br>➢ Umushinga wo gusana no kubaka umuyoboro w'amazi wa Kagabiro mu Murenge wa Mubuga;<br>➢ Umushinga wo kubaka uruganda rw'amazi ku mugezi wa Nyabahanga, mu Murenge wa Bwishyura, Akagari ka Gitarama; Umudugudu wa Josi;<br>➢ Umushinga wo kubaka ibiraro by'amanyamaguru mu Mirenge ya Ruganda Akagari ka Nyabikeri Umudugudu wa Nyabikeri, Mubuga mu Kagari ka Ryaruhanga, Umudugudu wa Bikenke n'Umurenge wa Rwankuba mu Kagari ka Rubazo, Umudugudu wa Kanyarusanga n'Akagari ka Nyarusanga Umudugudu wa Gasharu;<br>➢ Umushinga wo kwishyura ubutaka ahazubakirwa abahuye n'ibiza kuva 2018 mu Mirenge itandundakanye. | | |
| | | 3.Inama Njyanama imaze gusuzuma urutonde rw'ibikorwa byakozwe mu nyungu rusange ariko abaturage ntibahabwe ingurane ku mitungo yabo yangijwe, Inama Njyanama yemeje ko abo baturage bahabwa ingurane ikwiye ku mitungo ihererey aha hakurikira:<br>➢ Ahubakiwe abaturage basenyewe n'ibiza mu Murenge wa Rwankuba Akagari ka Bigugu;<br>➢ Ahashyinguwe abaturage bazize Ibiza mu Murenge wa Rwankuba, Akagari ka Bigugu,<br>➢ Ahubatswe umuyoboro w'amazi wa Rubazo – Gasasa- Gashinge-Mubuga mu Mirenge ya Rwankuba na Mubuga;<br>➢ Ahubatswe umuyoboro w'amazi wa Ngoma-Mpembe mu Murenge wa Gishyita. | Komite Nyobozi | Bitarenze umwaka w'ingengo y'imari wa 2020-2021 |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | | 4.Inama Njyanama yasuzumye ubusabe bwa Komite Nyobozi bwo gusonera abaturage bose ibirarane by'amahoro y'ubukode bw'ubutaka, ibihano n'inyungu z'ubukerekererwe kugeza Ukuboza 2018 kubera impamvu zirimo amakimbirane hagati y'abaguze ubutaka, gutinya kwishyura imisoro kubera ubushobozi bucye, imyenda ikomeza kugaragara mu bitabo by'ibaruramari kandi idashobora kwishyurwa, ibyangombwa byasohotse birimo amakosa cyangwa imikoreshereze itariyo, ubutaka budashobora kubyazwa umusaruro, ubutaka bwinshi butabaruye kuri ba byirabwo kubera gutinya amahoro babereyemo Leta, n'ibindi.<br><br>Hashingiwe ku itegeko No 59/2011 ryo kuwa 31/12/2011rishyiraho inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'ibanze rikanagena imikoreshereze yawo, ishingiye kandi ku iteka rya perezida No 25/01 ryo kuwa 9/7/2012 rishyiraho urutonde rw'ibisoreshwa kandi rigena ibipimo ntarengwa by'amahoro n'andi mafaranga yakwa n'inzego z'ibanze mu ngingo ya 27, **Inama Njyanama yasanze ubusabe bwa Komite Nyobozi bufite ishingiro yemeza ko abaturage basonerwa ibirarane by'amahoro y'ubukode bw'ubutaka, ibihano n'inyungu z'ubucyererwe, kuva 2012 kugeza 2018.** | Komite Nyobozi | 30/01/2022 |
| | | 5.Nyuma yo kugezwaho no gusesengura amabwiriza ngengamikorere y'urugaga rw'Akarere rushinzwe amazi, isuku n'isukura; Inama Njyanama yemeje abagize DISTRICT WASH BOARD, igenabikorwa n'ingengo y'imari nkuko bigaragara ku mugereka. | Komite Nyobozi | 30/12/2020 |
| | | 6.Nyuma yuko sites zari zagaragajwe ko zizashyirwaho amarimbi rusange hirya no hino mu mirenge ndetse no kwishyura imitungo itimukanwa iherereye aho ziri, ariko nyuma yo kuhasura bikagaragara ko sites 29/35 zidashoboka kubera ubuhaname bukabije ndetse no kuba sites zimwe ziri ku butaka butari ubw'Akarere, nyuma y'isura rya komisiyo y'ubukungu, Inama Njyanama yasabye ko hashakwa ahandi byihuse ariko sites bigaragara ko nta kibazo zifite | Komite Nyobozi | Bitarenze umwaka w'ingengo y'imari 2020- |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | | arizo:<br><br>1.Site ya **Kagorora** mu murenge wa Ruganda Akagari ka Kivumu Umudugudu wa Kagorora na site ya **Rwamiko** mu murenge wa Ruganda Akagari ka Biguhu umudugudu wa Kiguhu;<br><br>2.Site ya **Nyabitare** mu murenge wa Rugabano Akagari ka Kabuga Umudugudu wa Nyabitare;<br><br>3.Site ya **Ryaruhanga** mu murenge wa Mubuga Akagari ka Ryaruhanga Umudugudu wa Mubuga;<br><br>4.Site ya **Nyarusazi** mu murenge wa Bwishyura Akagari ka Nyarusazi Umudugudu wa Birembo hakoreshwa igice kitari ahantu hahanamye hanyuma hagashakwa ahandi hazunganira iyo site;<br><br>5. Site ya **Kaburanjwiri** mu murenge wa Rubengera Akagari ka Mataba umudugudu wa Ruvumbu,;<br><br>Inama Njyanama yemeje ko izi sites 5 zatangira gukoreshwa nk'amarimbi rusange hamaze kuzuzwa ibisabwa. | | 2021 |
| | | 7.Inama Njyanama yasabye ko abaturage bakoze igihe hubakwaga inyubako zitandukanye arizo ibiro by'Utugari (Kigarama, Mwendo, Bukiro), ishuri rya Musongati na Poste de Santé ya Gashali bakwishyurwa amafaranga bakoreye igihe hubakwaga izi nyubako. | Komite Nyobozi | Bitarenze umwaka w'ingengo y'imari 2020-2021 |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | | 8.Nyuma y'uko Inama Njyanama ishyizeho ipimo by'imisoro n'amahoro bizagenderwaho mu mwaka wa **2020/2021** harimo ibijyanye n'umusoro k'umutungo utimukanwa ndetse n'indi misoro n'amahoro hakagararamo amakosa akurikira:<br><br>➢ Inama Njyanama imaze kubona ko ku bijyanye ku bijyanye n'ibipimo by'amahoro ya Parking ya za moto aho hemejwe ko bazajya bishyura amahoro ya parking angana n'ibihumbi icumi ku kwezi **(10,000Rwf)**; ayo mafaranga akaba ari menshi cyane ku buryo aba motari bagaragaje ko batayabona nkuko babigaragaje mu ibaruwa bandikiye Inama Njyanama; imaze ku bisuzuma ikaba yemeje ko ayo mafaranga yashyirwa ku bihumbi bibiri **(2,000Rwf)** ya buri kwezi kuri parking ya Moto.<br><br>➢ Naho ku ikosa ryagaragaye ku bipimo by'imisoro ku umutungo utimukanwa aho imidugudu ine **(4)** yo mu murenge wa Bwishyura yari yahawe igipimo cya zeru **(0Rwf)** nk'umusoro uzishyurwa kuri metero kare ku mwaka nyamara iyi midugudu itagomba gusora zero **(0Rwf)** hakurikijwe Iteka rya Minisitiri numero **001/20/10/tc ryo ku wa 10/01/2020 rigena ibipimo fatizo n'ibindi bikurikizwa mu kugena umusoro wishyurwa ku bibanza;** iyo Midugudu ikaba ariyi ikurikira:<br><br>1. **NYARUREMBO:** mu Kagari ka Kiniha: hagomba gusora amafaranga mirongo ine **(40Rwf)** kuri metero kare ahagenewe gutura na mirongo itanu **(50Rwf)** kuri metero kare ahagenewe ubucuruzi.<br>2. **RUGANDA:** Mu Kagari ka Kiniha: hagomba gusora amafaranga mirongo ine **(40Rwf)** kuri metero kare ahagenewe gutura na mirongo itanu **(50Rwf)** kuri metero kare ahagenewe ubucuruzi.<br>3. **NYABAGUMA:** Mu Kagari ka Kiniha: hagomba gusora amafaranga | Komite Nyobozi | 15/01/2021 |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | | mirongo ine **(40Rwf)** kuri metero kare ahagenewe gutura naho ahagenewe ubucuruzi ni zeru **(0Rwf).**<br>4. **NYEGABO:** Mu Kagari ka Kiniha: ahagenewe ubucuruzi ni amafaranga mirongo itanu **(50Rwf)** kuri metero kare naho ahagenewe gutura ni amafaranga mirongo ine **(40Rwf)** kuri metero kare. Nyuma yo kubisuzuma Inama Njyanama yemeje ko iyo midugudu isora hakurikijwe ibipimo byavuzwe haruguru. | | |
| | | 9.Nyuma y'aho Komisiyo y'iterambere ry'Imibereho Myiza y'Abaturage isuriye agakiriro igasanga hari ubwiherero bwangirika kubera amazi ndetse n'igikoni kiri aho ahatarabugenewe kikangiza inzu, Inama Njyanama yasabye ko Akarere kashaka uburyo haboneka ubundi bwiherero, naho igikoni kikavanwa mu nyubako y'agakiriro kuko kiri kwangiza inzu. | Komite Nyobozi | Bitarenze ku wa 30 Mutarama 2021 |
| | | 10.Nyuma yo gusuzuma ubusabe bwa Komite Nyobozi bwo kwemeza amakuru ku bikorwa biri k'"urutonde ndakuka rw'umurage ndangamuco ufatika" mu Karere ka Karongi igasanga afite ishingiro, Inama Njyanama yarwemeje nkuko ruri ku mugereka w'iyi myanzuro. | Komite Nyobozi | 30/12/2020 |
| | | 11.Nyuma yo kubona ko imanza z'inkiko gacaca zimaze igihe kinini zitarangizwa, Inama Njyanama yongeye gusaba ko zirangizwa. | Komite Nyobozi | Bitarenze ku wa 30 Werurwe 2021 |
| | | 12.Inama Njyanama yongeye gusaba ko ingingo ***ya 41 yo mu Iteka rya Minisitiri n°02 ryo kuwa 17/05/2012 rigena ibigomba kubahirizwa birebana n'ubuzima n'umutekano ku kazi*** yubahirizwa ku bakozi bose kuva ku Karere kugera ku Kagari. | Komite Nyobozi | Bitarenze ku wa 30 Mutarama 2021 |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | | 13.Inama Njyanama yasuzumye inyandiko yandikiwe ifata imyanzuro ikurikira:<br><br>-Ku kibazo cya **REV. MUPENDA Aaron** wanditse asaba ko ubutaka bwe bwahindurirwa icyo bwagenewe gukoreshwa, Inama Njyanama yasanze hakurikijwe master plan ya 2013 UPI:3/01/01/06/1550 yasanze hagenewe gutura kandi master plan yavuguruwe muri 2019 itarahageze, maze isaba ko ubwo butaka buvanwa mu gutura bukandikwa ku mibereho myiza y'Abaturage kubera ko ari urusengero.<br><br>-Ku kibazo cya **TUYISENGE Emmanuel** na **NYIRAJYAMBERE** Pauline banditse basaba ko ubutaka bwabo bufite UPI: 3/01/01/01/06/2256 na UPI: 3/01/01/06/2144 bwahindurirwa inyito: hakurikijwe master plan, ubutaka bwabo bugabanyijemo ibice bitatu(amashyamba, water body zone na zone yo gutura). Inama Njyanama yasabye ko kuri UPI 3/01/01/01/06/2256, bakwandikirwa basabwa kuzana icyangombwa cy'ubwo butaka bagakurirwaho ubutaka butagenewe guturwaho kugirango bazajye basorera ubusigaye, naho kuri UPI:3/01/01/06/2144 bugakomeza gusora kuko hashingiwe kuri master plan bugenewe guturwaho.<br><br>-Ku kibazo cya **MWENEDATA Epaphrodite** wanditse asaba ko yakosorerwa icyangombwa cye gifite UPI:3/01/01/06/839 buri ahagenewe ishyamba kandi ari naho atuye, Inama Njyanama yasanze ubutaka bwe budashobora kugabanywamo kuko buri munsi ya hegitari imwe.<br><br>-Ku kibazo cya **MUKAMUSONI Esther** usaba gukosorerwa ku icyangombwa cye gifite UPI: 3/01/09/02/1740 cyanditseho ubucuruzi kandi kuri master plan ari ugutura, Inama Njyanama yasabye ko yakosorerwa icyangombwa kandi agakurirwaho ibirarane by'imisoro.<br><br>-Ku kibazo cy'abaturage **(HABIMANA Vincent, KAMAYIRESE** | Komite Nyobozi | Bitarenze ku wa 30 Mutarama 2021 |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | | **Telesphore na SEMUGESHI Evariste)** bo mu murenge wa Rugabano banditse basaba guhabwa ingurane ikwiye ku mitungo yabo yangijwe ubwo hahingwaga icyayi, Inama Njyanama yasabye komisiyo y' ubukungu kuzabasura kugirango isuzume neza ikibazo cyabo.`<br><br>-Ku kibazo cya **UWURUKUNDO Julienne** uhagarariye abazungura ba MUKANDAHINDURWA Stephanie wanditse asaba gukurirwaho imisoro ku butaka bufite UPI: 3/01/01/07/2983, Inama Njyanama yasanze ubu butaka buri ahagenewe **ubuhinzi** hakurikijwe igishushanyo mbonera cy'imiturire mu cyaro aho kuba gutura, Inama Njyanama yemeza ko asonerwa imisoro ariko akihutira kuzana icyangombwa cye kigakosorwa agasorera ubutaka bw'ubuhinzi kubera ko burengeje hectare 2( ni 30059 sqm).<br><br>-ku kibazo cya **ADEPR** yanditse isaba ko yakurirwaho imisoro y'ubutaka ku butaka bwayo bufite UPI: 3/01/0/06/831, Inama Njyanama yasanze igishushanyo mbonera kitagaragaza imikoreshereze yabwo ariko kubera ko hubatsemo urusengero kandi insengero zidasora bazana icyangombwa kigakosoka kikandikwa mu mibereho myiza; naho kuri UPI: 3/01/0/05/277 bwubatseho amashuri kandi buherereye muri zone y'ubukerarugendo (zone touristique) yasabye ko icyo cyangombwa cyakosoka kandi ADEPR igasonerwa amahoro y'ubutaka.<br><br>Naho kuri UPI:3/01/01/05/10 hazasurwa hakarebwa icyo ubwo butaka bwakoreshwa ngo kuko hanyuramo umuyoboro munini w'amashanyarazi<br><br>-Ku kibazo cya **MASHYAKA Jean d'Amour** wasabye gukurirwaho inzitizi zo kubaka mu kibanza gifite UPI 3/01/01/02/6821, Inama Njyanama ishingiye ku isura ryakozwe na komisiyo y'ubukungu ndetse n'abatekinisiye ba OSC igasanga haba harimo akarengane kuko abantu bose bakikije Mashyaka bemererwa kubaka akaba ariwe wenyine ubuzwa ubwo burenganzira kandi | | |

bigaragara ko nawe kuhubaka bishoboka, Inama Njyanama yameje ko ubutaka bwa Mashyaka Jean D'Amour bukwiye guhindurirwa icyo bwagenewe, (bukava mu buhinzi bukajya mu gutura); agahabwa uburenganzira bwo kubaka.

-Ku kibazo cya **MBONYINCUTI Emmanuel** wasabye ko yakurirwaho ibirarane by'umusoro w'ubutaka bumwanditseho kandi abusangiye n'umuryango, Inama Njyanama yemeje ko byakosorwa kugirango gusaranganya ubwo butaka n'abavandimwe be bishoboke maze buri wese azajye asorera ubutaka bumwanditseho.

-Inama Njyanama yemeje ko **RWANYAGATARE CHRISTOPHE** asonerwa ibirarane ku musoro w'ubutaka bufite UPI: 3/01/01/06/1701 kandi agakosorerwa icyangombwa.

-ku Kibazo cya **NSHIMIYIMANA Clement** wanditse asaba gukurirwaho ibirarane ku musoro w'ubutaka, Inama Njyanama ishingiye ku makuru yatanzwe na RRA yasabye ko yakurirwaho uwo mwenda kuko bigaragara ko yawishyuye.

Inama Njyanama yasabye kandi ko uyu muturage yazana icyangombwa cye kuko ubutaka bwe bugabanyijemo kabiri kuri numero zitandukanye hagakurwaho igice cyagenewe ubuhinzi kugira ngo asorere ahasigaye.

-Ku kibazo cya **GASHEMA Amon** wanditse asaba guhindurirwa icyo ubutaka bwagenewe gukoreshwa, Inama Njyanama yasanze ubutaka bwe bugenewe ubuhinzi kandi budasora bityo inasabako yasonerwa umusoro umubarwaho.

-**MUKAMUDENGE Charlotte** yasabwe kugaragaza ibisobanuro birambuye ku kibazo afite kugirango ahabwe ubufasha akeneye.

-**Bwana SINANGA Celestin** wari wasabye gusonerwa umusoro kubera ko

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | | igishushanyombonera kivuguruye cya 12/2019 kihagenera recreation area, Inama Njyanama yemeje ko asonerwa imisoro ku butaka bufite UPI: 3/01/09/02/5674 kuko Sinanga atishoboye kandi ubutaka bwe bwashyizwe muri recreation zone(aho kwidagadurira).<br>-Inama Njyanama yasabye ko uwitwa **MUSANABERA Consile** yakurirwaho ubukererwe ku musoro w'ubutaka kandi agakosorerwa icyangombwa cy'ubutaka kuko cyanditseho ubucuruzi kandi master plan ivuguruye igaragaza ko bwanditseho gutura. | | |
| **03** | Kugaragarizwa aho imihigo y' umwaka wa 2020-2021 igeze ishyirwa mu bikorwa; | 13.Nyuma yo kugaragarizwa aho imihigo igeze ishyirwa mu bikorwa bingana na 53,7%, Inama Njyanama yerabishimye ariko isaba ko imihigo igaragara ko ikiri inyuma hakongerwamo imbaraga. | Komite Nyobozi | Buri gihe |
| **04** | Kwemeza umugenzuzi( auditor) Bwana MUNYANDAMUTSA RUCUCU Sunny; | 14.Hashingiwe ***itegeko Nº 87/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage mu ngingo yaryo ya 56***, Inama Njyanama yemeje umugenzuzi w'Akarere (internal audit) **Bwana MUNYANDAMUTSA RUCUCU Sunny** | Inama Njyanama | Ku wa 30 Mutarama 2021 |
| **05** | Kwemeza amabwiriza ajyanye no kwirinda Covid 19; | 15.Nyuma yo gusuzuma amabwiriza ajyanye no kwirinda Covid 19 no kuyakorera ubugororangingo, Inama Njyanama yarayemeje nkuko ari ku mugereka. | Komite Nyobozi | Bitarenze ku wa 18 Mutarama 2021 |
| **06** | Ibindi | 16.Nyuma yo kugezwaho na Komite Nyobozi ikibazo cya MUKAGAHAMA Esperance wasabaga icyemezo cyiyandikishwa ry'ubukode burambye bw'ubutaka (icyangombwa cy'ubutaka cya burundu) cy'urwuri rwa Munini ruhererereye mu Mirenge ya Gitesi na Gashali, mu Tugari twa Rwariro na Rugobagoba, mu Midugudu ya Rusekera na Nkingo rungana na 81ha,29a,25ca nkuko bigaragara mu ibaruwa yandikiye Umuyobozi w'Akarere yo kuwa | Komite Nyobozi | Bitarenze ku wa 30 Mutarama 2021 |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | | 18/10/2019 , Inama Njyanama ibicishije muri Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu n'abatekinisiye b'Akarere, uru rwuri rwarasuwe hakorwa isesengura hagaragara bimwe mu bibazo bikurikira:<br><br>-Uwasinyanye amasezerano yo ku wa 12/06/2012 n'Akarere ariwe Mukagahama Esperance, ntabwo ariwe uri mu mwanzuro w'Inama Njyanama y'akarere ka Karongi yo ku wa 19/06/2008 wasabaga Akarere ka Karongi gusinyana amasezerano na bwana Rwasa;<br><br>-ubu butaka ntabwo ari ubwa Akarere ka Karongi nkuko bigaragara mu ibaruwa No 172/16.03/DDA/RLMU/02W yo kuwa 23/09/2020, umubitsi w'impapurompamo yandikiye Akarere akamenyesha ko ubwo butaka bufite UPI: 3/01/04/08/1622 bwanditse kuri GOVERNMENT OF RWANDA/ MINISTRY OF ENVIRONMENT bukaba bukoreshwa na MINAGRI; bivuze ko Akarere katanze ubutaka butari ubwako.<br><br>Inama Njyanama yemeje ko Madamu MUKAGAHAMA Esperance asubizwa amenyeshwa ko ubutaka arimo gusaba ko bumwandikwaho atari ubw'Akarere ka Karongi, Komite nyobozi nayo irasabwa kugisha inama izindi nzego zirimo Minisiteri y'IBIDUKIKIJE yanditseho ubu butaka na Minisiteri ibukoresha ariyo MINAGRI kugira ngo ikikibazo gikemuke. | | |

Inama yashoje imirimo yayo saa munani n'igice (14H30), Umuyobozi w'Inama Njyanama ashimira abayitabiriye n'ibitekerezo batanze.

**MUREKATETE Marie Rose**
Umunyamabanga w'Inama Njyanama y'Akarere

**MUTANGANA Frederic**
Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere

INAMA NJYANAMA AKARERE KA KARONGI

**AMABWIRIZA Y'INAMA NJYANAMA Y' AKARERE KA KARONGI YO KUWA 30/12/2020, AGENA IBIKORWA N'IBIHANO BYABYO, KU BATUBAHIRIZA AMABWIRIZA YO KWIRINDA ICYOREZO CYA COVID-19.**

| N0 | IGIKORWA /IMYITWARIRE BIBUJIJWE/BINYURANYIJE N'AMABWIRIZA | IHAZABU YO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI (AMAFARANGA) | IBINDI BIHANO BISHOBORA KWIYONGERA KU IHAZABU |
|---|---|---|---|
| 1. | Kutambara agapfukamunwa cyangwa kutakambara uko kagomba kwambarwa biteganywa n'inzego zibifiteye ububasha cyangwa kukambara gafite umwanda | Utabyubahirije azacibwa ihazabu y'amafaranga ibihumbi bibiri **(2,000Rwf)** | Gushyirwa ahabugenewe agahabwa inyigisho zigamije kuzamura imyumvire mu kwirinda icyorezo cya Covid-19 |
| 2. | Kutubahiriza intera yagenywe hagati y'umuntu n'undi | Buri wese utubahirije intera ahanishwa gutanga ihazabu y'amafaranga ibihumbi bibiri **(2,000Rwf)** | Gushyirwa ahabugenewe agahabwa inyigisho zigamije kuzamura imyumvire mu kwirinda icyorezo cya Covid-19 |
| 3. | Kutemera kwishyura cyangwa kwishyurwa hakoreshejwe ikoranabuhanga | Umucuruzi cyangwa ugurisha service utazubahiriza gukoresha ikoranabuhanga mu kwishyura no kwishyurwa, | Gufunga ibikorwa bye kugeza igihe ashyiriyeho uburyo bwo kwishyura hakoreshejwe ikoranabuhanga. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | | azahanishwa ihazabu y'amafaranga ibihumbi icumi **(10,000Rwf)** | |
| 4. | Kurenza igihe cyagenwe cyo kugera mu rugo nta burenganzira ufite | Uzafatwa yarengeje igihe cyo kugera mu rugo, azahanishwa ihazabu y'amafaranga ibihumbi bibiri **(2,000Rwf)** | Gushyirwa ahabugenewe agahabwa inyigisho zigamije kuzamura imyumvire mu kwirinda icyorezo cya Covid-19 |
| 5. | Kwitabira ikiriyo harengejwe umubare w'abantu wemewe | Uhagarariye umuryango azahanishwa amafaranga ibihumbi bibiri **(2,000Rwf)** kuri buri muntu warenzeho. | - |
| 6. | Kwitabira umuhango wo gushyingura harengengejwe umubare w'abantu wagenwe | Uhagarariye umuryango azahanishwa ihazabu y'amafaranga ibihumbi bibiri **(2,000Rwf)** kuri buri muntu warenzeho | - |
| 7. | Gufatwa ugenda ku igare utubahirije amasaha yo gutaha | Umunyegare uzafatwa atubahirije amasaha yo kuba yageze mu rugo, azahanishwa ihazabu y'amafaranga ibihumbi bitanu**(5,000frws)** | Gushyirwa ahabugenewe agahabwa inyigisho zigamije kuzamura imyumvire mu kwirinda COVID-19 |
| 8. | Kwitabira ibikorwa bijyanye | Uwakiriye icyo | Guhagarika ibikorwa by'itorero, idini |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | n'umuhango wo gushyingira harengejwe umubare w'abantu wagenwe | gikorwa(itorero, idini, aho biyakirira, umwanditsi w'iranagamimerere washyingiye), azahanishwa ihazabu y'amafaranga ibihumbi icumi**(10,000frw)** kuri buri muntu warenzeho | cyangwa ahandi hakiriwe abitabiriye umuhango wo gushyingira hatubahirijwe umubare w'abantu wagenwe, igihe kitarenze ukwezi kumwe(1), gufatira igihano cyo mu rwego rw'ubutegetsi umukozi wa Leta washyingiye hatubahirijwe umubare w'abantu wemewe. |
| 9. | Gutegura, gutumira no kwitabira iminsi mikuru cyangwa ibindi bikorwa bihuza abantu mu buryo butemewe(Gusengera mu ngo, kwizihiza isabukuru y'amavuko, bridal shower, baby shower n'ibindi) | Uwatumiye n'uwakiriye bazahanishwa buri wese ihazabu y'amafaranga ibihumbi ijana **(100,000Rwf)**; uwitabiriye azajya atanga ihazabu y'amafaranga ibihumbi icumi **(10,000Rwf).** | Gushyirwa ahabugenewe no guhabwa inyigisho zigamije kuzamura imyumvire mu kwirinda icyorezo cya Covid-19, no gufunga ahabereye igikorwa mu gihe kingana n'icymweru kimwe(1) niba hari hasanzwe hakorerwa ibikorwa by'ubucuruzi no kwakira abantu. |
| 10. | Insengero, Kiliziya ndetse n'imisigiti bikora amateraniro bataremererwa gufungura | Umuyobozi w'urusengero, Kiliziya cyangwa umusigiti uzafungura ataremererwa gufungura, azacibwa ihazabu y'amafaranga angana n'ibihumbi ijana **(100,000Rwf)** y'u Rwanda . | - |
| 11. | Insengero, Kiliziya cyangwa imisigiti bikora amateraniro zitubahirije amwe mu mabwiriza yo kwirinda covid-19 | Umuyobozi azajya acibwa ihazabu y'amafaranga ibihumbi mirongo itanu y'u Rwanda **(50,000Rwf)** | - |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 12. | Kuva no kujya ahantu habujijwe mu rwego rwo kwirinda icyorezo cya covid-19 | Uwarenze ku mabwiriza azacibwa ihazabu y'amafaranga ibihumbi icumi **(10,000Rwf).** | Gushyirwa ahabugenewe no guhabwa inyigisho zigamije kuzamura imyumvire mu kwirinda icyorezo cya Covid-19 |
| 13. | Gutoroka ahagenewe gushyirwa abarwayi ba covid-19 mu gihe bari kwitabwaho cyangwa ahasuzumirwa abakekwaho icyorezo cya covid-19 | Uwatorotse azishyura ibihumbi makumyabiri **(20,000Rwf)** | Asubizwa ahabugenewe |
| 14. | Gufungura akabari (ahanywerwa inzoga) aho ariho hose nko mu Rugo, muri Hoteli, muri Resitora, muri Supamaketi, muri butiki n'ahandi hose hahinduwe akabari | Nyiri akabari cyangwa ahahinduwe akabari hamaze kuvugwa, azahanishwa gutanga ihazabu y'amafaranga ibihumbi ijana **(100,000Rwf)** y'u Rwanda | Niba ari ahantu hari hasanzwe hakorerwa hafungwa mu gihe kitari munsi y'ukwezi kumwe(1) ariko kitarenze amezi atatu(3), agafungurirwa ari uko amaze kugaragaza ingamba yafashe zo kwirinda icyorezo cya covid-19 |
| 15. | Gufatirwa mu kabari cyangwa ahahinduwe akabari | Umuntu uzafatitirwa mu kabari cyangwa ahandi aho ariho hose, azacibwa ihazabu y'amafaranga ibihumbi icumi(**10,000frws)** | Gushyirwa ahabugenewe no guhabwa inyigisho zigamije kuzamura imyunvire mu kwirinda icyorezo cya COVID- 19. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 16. | Inyubako nini z'ubucuruzi, Gare, banki n'izindi nzu z'ubucuruzi zitagennye uburyo bwo gufasha abazigana kwirinda icyorezo cya Covid-19(kugira ubukarabiro, gupima umuriro, aho guhagarara cyangwa kwicara bahanye intera ya metero imwe (1) | Inyubako nini, Gare, na supamaketi, banki n'izindi nyubako z'ubucuruzi zikora zitarageneye ababagana uuburyo bwo kwirinda, bazacibwa ihazabu y'amafaranga ibihumbi ijana **(100,000Rwf);** izindi nzu z'ubucuruzi zizacibwa amafaranga ibihumbi mirongo itanu **(50,000Rwf)** | Hazafungwa, hemererwe gufungura ari uko berekanye ko bubahirije ibisabwa. |

Bikorewe i Karongi kuwa 30/12/2020

**MUTANGANA Frederic**

Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi